# KAMARAMPAKA


Ikinyamakuru cyigenga gisohoka kabiri mu kwezi B.P. 2240 Kigali

100 FRW

N° 22.

UGUSHYINGO 1993

BIBLIOTHEQUE SAINT DOMINIQUE * DE KIGALI * KACYIRU






# ABAHUTU BAMAZE KUVUMBURA KO IKIBAZO DUFITE ARI ICYA GATUTSI USHAKA UBUTEGETSI



Mu ijoro ryo kuwa 17/11/1993 rishyira kuwa 18/11/1993 inkotanyi zaciye ku masezerano ya Arusha yo kuwa 04/08/93, zigaba ibitero mu Ruhengeri (Komini CYERU, NYAMUGALI, KIDAHO na NKUMBA) zica abahutu basaga 300.

Ibyo babikoze nyuma y'aho Bwana NZIRORERA Yozefu, Umunyamabanga Mukuru wa MRND muri mitingi y'iryo shyaka i Nyamirambo kuwa 07/11/1993, yari yateje ubwega ko abaturage baba muri zone tampon bamerewe nabi n'inkotanyi. Inkotanyi zongeye kumarira ku icumu abahutu bo mu Ruhengeri nyuma y'amasaha atarenze 5 Prezida wa Repubulika Jenerali Major Habyarimana Yuvenali, igihe yatahaga ku mugaragaro ibiro by'ingabo mpuzamahanga zizubahiriza umutekano mu Rwanda, atangarije Umukuru wazo ko abaturage bo muri zone tampon batakibaho buntu (ils ne savent à quels saints se vouer). Prezida Habyarimana yari yasabye ingabo mpuzamahanga kubungabunga umutekano w'abo bagorwa, maze imitima yabo igasubira mu gitereko (Redonner lui [la population] l'espoir...).

Inkotanyi rero zo wagirango zari zirekereje ko IKINANI kirangiza ayo magambo, maze zihita zirara mu baturage zirarasa, zirica, zongera kwambika kalinga ibinyita.

Mu ijoro ryo kuwa 17/11/1993 inkotanyi zarishe muri Komini Nyamugali, karapfa agakobwa ka Burugumesitiri kagombaga kujya kwiga muri secondaire, aricwa umuhungu wari waraye kwa Burugumesitiri (uwo muhungu yigaga muri université), naho Burugumesitiri wa bamurasa amasasu mu kaguru.
Muri Komini Cyeru inkotanyi zidhe MITIMA, Prezida wa MRND muri iyo Komini n'umuryango we wose ziwumarira ku icumu (umugore n'abana) bose hamwe bakba abantu 6 bishwe mu muryango umwe.
Muri Kidaho abacuruzi Kanyamibwa n'abagore be batatu n'abana bose na NZABONIMPA n'umuryango we wose inkotanyi zabarashe urufaya.
Zirongera zica na Kanyamihigo wari Kandida Burugumesitiri wa MRND.
Muri Komini Nkumba uwitwa NDAMIYUMWAMI n'umuryango we wose washiriye ku icumu.

Muri iyo Komini ni nako imbaga y'abaturage basanzwe yagiye yicwa, hose bakabakabaka abantu 300.

Inkotanyi zirenze ku masezerano y'amahoro ya Arusha igihe mu Burundi ku mupaka w'epfo y'u Rwanda, abatutsi bambuye ubutegetsi abahutu maze bica urubozo Prezida Melchior NDADAYE. Biragaragara ko inkotanyi zasanze politiki yazo yo kwambura abahutu b'i Rwanda ubutegetsi itahuwe, zicura uburyo zabyutsa imirwano ziturutse mu majyaruguru n'i Burundi. Ubu impunzi z'aba FRODEBU ziri mu Bugesera i Butare n'i Cyangugu ziririwe ntiziraye.
Abatutsi nibatera u Rwanda baturutse i Burundi, nta mpunzi n'imwe izasigara ku isi, habe n'iyo kubara inkuru!

La Rédaction

ESE KANYARENGWE YABA YARAMEZE UMUSATSI?




KANYARENGWE YAGUYE MU MUTEGO W'IBIZUNGEREZI AHITAMO KURIMBURA BENE WABO.



Scanned by CamScanner

ESE KANYARENGWE
YABA YARAMEZE
UMUSATSI?



KANYARENGWE YAGUYE
MU MUTEGO W'IBIZUNGE-
REZI AHITAMO KURIMBURA
BENE WABO.

Scanned by CamScanner

# AMAFARANGA YAVUYE MURI FUNDRAISING ARARIKOZE!

Mu minsi ishize inkotanyi zahuliye ku Mulindi wa Byumba mu cyo zise Fundraising alibyo ngo gukoranya uumutungo. Hali nyine ibihangange by'uwo mutwe, hari udukingirizo twawo, hali ibizungerezi byazo, hari inyenzi nkuru zahuruye, hari abamotsi bazo baba i Kigali, mbese hari imbaga itubutse y'abantu. Mu minsi itatu yose basabye abakunzi bazo gukoranya amafaranga ngo yo gufasha umulyango (FRP niko bayita). Twe dukurikiranira hafi iby'abo bagabo twibajije ibyo alibyo. Ko FPR isanganywe abantu biba bayishyira, kuki yahisemo gukoranya umutungo utubutse kuliya?

Ntabwo igisubizo twahise tukibona n'ubwo bamwe bemezaga ko FPR yaba ishaka amafaranga yo kuzakoresha meeting zayo mu gihugu imbere naho abandi bati aliya mafaranga ni ayo kuzahemba abacanshuro bafatanije nazo kuzambya ibintu iyo za Byumba na Ruhengeri. Koko mu masezerano ya Arusha hari ingingo zemeza ko abazinjizwa mu ngabo ari abanyarwanda gusa. Byari ngombwa ko FPR yitandukanya n'abantu yakoresheje mu mirwano ku rugamba ikabagenera akantu.

Akayabo k'inoti zavuye muli fundraising rero si abo kagenewe. Bategura Coup y'i Burundi inkotanyi zali zibizi ndetse zinabilimo kubera ba ofisiye b'abarundi bazilimo (reba inyandiko ya Ruzahoraho J.). Ba nyiri ukuyitegura rero hali ukuntu bahuye n'ingorane mu kumenyesha bagenzi babo mu bigo by'i Burundi ibyo bazabafashamo. Mbese uwo mugambi bo ntibawakiriye ako kanya. Nibwo FPR iterateranije amafaranga ya ruswa agenewe abo bali bagifite ingingimira.

Haba haranizwe uwo munsi uko uwo mugambi uramutse upfubye hahita hatangira guérilla mu Burundi. Mbese uko byagenze ino aha. Umugambi rero barawushohoje, NDADAYE baramuhilitse aliko nk'uko yigeze kubyivugira ubwe, ikibazo cy'u Burundi si njywe. Muramutse munyishe hahita haboneka undi muyobozi muli FRODEBU agakomereza aho ibintu byali bigeze.

Amizero y'abakunda Sahwanya bose ali muri iyo nteruro. Ibintu nibwo bikijya gushyuha muri icyo gihugu cy'abavandimwe.

LIKUNZE Georges

# BUTARE : PARMEHUTU YATSINZE NA NONE LUNARI

Mitingi ya MDR PARMEHUTU yabereye i Butare ku itariki ya 17/10/1993 yabaye ku gahato. Ntako Prefe atagize ngo ayihagarike cyangwa acecekeshe abaparmehutu biranga biramunanira. Ndetse ahitamo kwihisha iwabo ku Rugarika muri Runyinya.

Mu by'ukuri Prefe yatsinzwe n'iki? Icya mbere cyatsinze Prefe ni irondakoko yagaragaje mu kwirukana ahera kubo yitaga abakiga b'interahamwe barabyemera kuko byari bigezweho. Ntibyatinda babona akurikijeho n'abandi. Basanga ni abahutu baba baramutahuye.

N'ubwo yahageze avuga ko nta mutegetsi ugomba kubogama ndetse agasa n'utanga urugero, ntibyatinze kamere ijya ahagaragara. Akorera ishyaka PL ku mugaragaro kandi aronda akoko ku buryo byateye umunyamakuru wa SHISHOZA HABIMANA Kantano kuvuga ngo ntabogamye aryamye hasi!

Prefe Habyarimana yahisemo kwitarura abajyanama afite yishyiriraho abe bameze nk'abiru batagaragara.

Kuva aho mu mashyaka yose haziyemo bombori bombori cyane muri MDR yigira ku ruhande rw'Uwilingiyimana maze isimbi iba ibonye ubuhungiro si ukurwanya abahutu arerura. Bikubitiraho no gusuzugura abahutu ku mugaragaro.

Byagaragaye mu buryo yakiriye ba Guverineri b'intara z'i Burundi akababakuba na zeru ku mugaragaro ahanini kuko ari aba FRODEBU, ariko aba BUYOYA bari babanje bo yari yababagiye inka!

Mu by'ukuri mitingi ya MDR yabaye nko kuzura akaboze. Abahutu b'i Butare bose utarobanuye amashyaka bahagurukira rimwe kugira ngo bikize agasuzuguro. MDR yakubise umwatso aho basambaga yorosoye ababyukaga. Abanyabutare bari bamaze kuba ingaruzwamuheto ku buryo hari abari baratereyeyo utwatsi bavuga ngo bamenyereye guhakwa baribohoje.

Gusa inenge irimo ni uko harinze kumanuka Gitarama yose kugirango bigerweho. Kandi si iby'ubu gusa na mbere hose ni uko uriya mu Prefe rero ntawamushira amakenga, ashobora yari azi n'umugambi wo guhirika NDADAYE.

None se kubona ba Karamira bamumenyesha ko bagiye muri mitingi i Butare agahitamo guhungira i Burundi ntawe umwirukanye, aho uwo muprefe hari uwamushira amakenga?

Nyabuna bakunzi b'amahoro murabe maso ziriya mpunzi z'abafrodebu uriya muprefe atazabicisha inzara!

Amashyaka yose n'abe maso!

**B.N.R.**

Abanyeshuri biga hanze y'igihugu barinubira abayobozi ba B.N.R. ngo baba barabahagarikiye amadovize yabo ababyeyi babo bohereza. Baragira bati utwo dufaranga baduha kwari ukutuvunjira ntabwo ari ay'ubuntu. Bati kuki BNR yafata icyemezo cy'uko ngo twagaruka mu Rwanda ngo naho hari amashuri nyamara bakiyibagiza ko n'abari mu Rwanda bataratangira. Bararangiza basaba ko ubuyobozi bwa BNR bwabadohorera kuko utwo dufaranga babavunjira tubagirira akamaro kandi ko atari two twatuma u Rwanda ruhomba.

Ngaho rero abwirwa benshi akumva beneyo!



Scanned by CamScanner

## LE PLAN INKOTANYI EST SOUTENU PAR LES BELGES

## CAS D'UNE GUERRE D'INFLUENCE GEO-POLITIQUE

L'attitude belge a toujours été surprenante depuis la guerre d'octobre qu'a connue le Rwanda. En Effet au lieu de voler au secours de son ex-colonie qui était menacée d'annexion elle s'est rangée du côté de l'ennemi. Je m'en vais pour quelques exemples :

1. Vous vous rapplerez que notre ancienne puissance coloniale a mis un embargo sur les munitions que le Rwanda avait commandées et payées.
2. Vous vous rappelerez l'attitude de Mr Jean GOL lors des moments forts de la guerre.
3. La position de la Belgique lorsque la fameuse Commission Internationale sur les Droits des

### POURQUOI CETTE ATTITUDE DE LA BELGIQUE?

Cette attitude se justifie dans l'histoire. Vous saurez en effet que la Belgique a colonisé le CONGO (actuel Zaïre), le Rwanda et le Burundi. L'ex-puissance coloniale a voulu emmerder le Zaïre, MOBUTU a opposé une résistance. Elle s'attaque au Rwanda en soutenant les inkotanyi, elle essuie un échec, la France, mère de la démocratie vole au secours de la majorité. Pour le moment, la seule chance dont elle dispose est de faire basculer l'équilibre régional en semant la zizanie au Burundi au profit de la minorité ce, dans le but d'avoir une influence si minime soit-elle, dans la région.

### APPEL A TOUS LES HUTUS DU MONDE

Tout en remerciant vivement la France d'avoir découvert à temps le plan diabolique et de s'y etre opposé sans ambages, nous interpelons tous les hutus du monde de se lever comme un seul homme et de défendre leurs droits. A ceux du Rwanda particulièrement, il leur est demandé de s'opposer catégoriquement à ce que les belges gardent la Ville de Kigali. A la manière de FARAH AIDID, tout ira très bien. Il faut harceler ces intrigants. Et surtout ne pas vous lasser.

Enfin de compte il vous est demandé de vous préparer à adhérer à l'INTERNATIONAL DEMOCRATE HUTU. Le moment des paroles n'est plus, c'est celui des actes qui vaut pour l'instant.

# AMABASADERI ROBERT FLATEN ARASEZEYE

Nta gushidikanya ko muri ba ambasaderi bitwaye neza mu Rwanda Robert Flaten arimo. Nyuma ya Martres w'umufaransa wasezeye agataha. Niwe Ambasaderi werekanye ko azi gukora umurimo ashinzwe kandi abantu ntibasobanukirwe.


Avuga make kandi agashyikirana na bose atikuza nk'umuntu uhagarariye igihugu gikomeye. Ni nawe washoboye kugabanya ubukana bwa Linda Buggelin na Lyda. Abo bakobwa bombi bafite urwango rukabije rwa MRND na Prezida HABYARIMANA, by'umwihariko ntibatinya kwerekana ko ku byerekeye amoko bihitiramo abatutsi ku bahutu. Mu by'ukuri bafite politiki nk'iy'ababirigi mbere ya 1959 na nyuma ya 1990.

Ibyo bintu bashatse kubyerekana ku mugaragaro n'igitugu cyinshi bituma Flaten ababwira kugenda buhoro. N'ubwo byabaruhije kubisja ariko baragerageje.

Robert FLATEN ni n'umunyarwanda. Araruma agahuha. Avuye mu gihugu atiteranyije na MRND kandi atigeze ayishyigikira nk'uko benshi babyibeshyaho. Yamenyaga kubeshya Ngirumpatse na Habyarimana ntibasobanukirwe. Yagize uruhare rukomeye mu byemezo byose bikomeye by'igihugu kuva yagera ino, nyamara ntawigeze abirabukwa. Yakurikiraga byose ku buryo hari n'igihe yahagarikaga imyigaragambyo y'amashyaka.

Nyamara nta byera ngo de! Ubu yari yarabaye igikoresho cya Twagiramungu avuga ko akora politiki yo hejuru nta handi aba asohotse uretse muri ambasade y'abanyamerika.

Kuba Twagiramungu yarabaye umuntu w'abanyamerika bizatesha agaciro abanyamerika mu Rwanda bimere nk'ibyo muri Somaliya. Kugeza ubu amahirwe bafite ni uko FLATEN yabyitwayemo neza ku



buryo bitigeze bimenyekana. Uwo mutego abanyamerika bashobora kuwugwamo ukabashibukana.

Ibyo aribyo byose FLATEN yitwaye neza kandi mu buhanga bwinshi ku buryo umugereranije na bagenzi be ba Musenyeri Berthelo intumwa ya Papa mu Rwanda n'ambasaderi Swinnen w'ububiligi usanga yarabarushije.